



ITANGAZO RIMENYESHA RYEREKEYE GUKUSANYA AMAKURU BWITE NO KUYAKOresha

Amabwiriza areba abakozi: Iyi nyandiko irasobanura amakuru Croix Rouge (soma kuruwa ruje) y’Amerika ikusanya mu bantu basaba ubufasha bwo gushakisha ababo babuze n’uburyo tuyakoresha. Somera usaba ubufasha ibiri muri iyi nyandiko.

Croix Rouge y’Amerika ikorana n’abandi banyamuryango ba Croix Rouge mpuzamahanga n’umuryango Croissant Rouge kugira ngo bafashe kumenya neza iherezo n’aho abantu babuze baherereye kandi bagarure banakomeze umubano hagati y’imiryango yatandukanye bitewe n’intambara, ubwimukira n’ibiza kamere.

Kugira ngo Croix Rouge y’Amerika igufashe kubona mwene wanyu, ni ngombwa ko ikusanya amakuru yawe n’ay’uwo ushakisha kandi ikayakoresha. Ngiye kugusobanurira uko dukoresha kandi tugatanga amakuru, hanyuma nkubaze ibibazo bike kugira ngo mbone uruhushya rwawe. Aya makuru wayasanga no ku rubuga rwacu kuri www.redcross.org/familylinks.

Tuzakenera gutanga amakuru yanyu, arimo amakuru bwite yawe n’aya mwene wanyu ushakisha, mu zindi nzego zaba zishobora gufasha gushakisha mwene wanyu. By’umwihariko dushobora gusangiza amakuru yawe abakurikira:

- Abandi banyamuryango ba Croix Rouge/umuryango Croissant Rouge, by’umwihariko ICRC na Croix Rouge/umuryango Croissant Rouge yo mu gihugu ukomokamo cyangwa utuyemo hamwe n’umuryango wo mu gihugu uwo mwene wanyu akomokamo cyangwa atuyemo
- Indi miryango mpuzamahanga, nk’umuryango mpuzamahanga wita ku bimukira (IOM) n’imiryango yo muri Loni (UN);
- Indi miryango ikorera aho nk’ibigo bitanga serivisi z’imibereho myiza mu baturage b’aho;
- Abayobozi ba leta; n’
- Imitwe yitwaje intwari idakorana na leta.

Birashoboka kandi ko twebwe (cyangwa umuryango uri kudufasha gushakisha) twazakenera gutanga amakuru yanyu mu bandi bantu mu gushakisha ndetse/cyangwa tugashyira amwe muri yo mu matangazo, nko ku bibaho by’amatangazo, imbuga za interineti cyangwa amatangazo asomerwa mu ruhamye yerekeye abantu babuze.

Amakuru uduha tuzayakoresha gusa mu bikorwa byo kudufasha kumenya iherezo n’aho abantu babuze baherereye. Tuzakurikiza kandi ibisabwa n’amategeko byose mu gusangiza amakuru.

Vugana na Croix Rouge y’Amerika kuri [phone number, office address, email address] niba hari ibibazo cyangwa impungenge ufite kuri dosiye yawe cyangwa amakuru bwite yawe.